RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

2024 Tariki 11-15 Ukwakira



| # | GROUP D | MP | W | D | L | G | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Nigeria | 3 | 2 | 1 | 0 | 4:0 | 4 | 7 |
| 2. | Benin | 4 | 2 | 0 | 2 | 6:6 | 0 | 6 |
| 3. | Rwanda | 4 | 1 | 2 | 1 | 3:5 | -2 | 5 |
| 4. | Libya | 3 | 0 | 1 | 2 | 2:4 | -2 | 1 |

## Football : Amavubi yatsinze Benin mu gushaka itike ya CAN 2025

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Football :** Amavubi yatsinze Benin mu gushaka itike ya CAN 2025

P2 **Basketball :** REG BBC yegukanye igikombe cya shampiyona mu bagore

P2 **Cycling :** Perezida wa UCI yasuye u Rwanda

P3 **Football :** Abana 10 baserukiye u Rwanda mu irushanwa ritegurwa na FC Bayern Munich

P3 **Rugby :** Ibikorwa by'umushinga "Get into Rugby 2.0" birakomeje

P4 **Football :** Amavubi U-20 yaviriyemo mu majonjora muri CECAFA 2024

P4 **Cycling :** Habaye umunsi wa 10 wa shampiyona y'igihugu mu bakiri bato

P5 **Volleyball :** APR VC yegukanye "Nyerere Cup 2024" mu bagore n'abagabo

P5 **Cricket :** Ikipe y'u Rwanda mu bagabo yatsinze Malawi imikino 3 kuri 2

P6 **Goalball :** Hatangiye umwaka wa shampiyona 2024-2025

P6 **Cycling :** u Rwanda rwegukanye imidali 4 muri shampiyona y'Afurika

P7 **Volleyball :** Habaye amahugurwa y'abasifuzi mbere yo gutangira umwaka w'imikino 2024-2025

# **Football :** Amavubi yatsinze Benin mu gushaka itike ya CAN 2025

Tariki 15 Ukwakira 2024, kuri Sitade Amahoro i Remera habereye umukino wo kwishyura mu itsinda D mu mikino yo gushaka itike y'igikombe cy'Afurika "CAN 2025" aho ikipe y'u Rwanda "Amavubi" yatsinze Benin ibitego 2-1.

Ibitego by'u Rwanda byatsinzwe na Nshuti Innocent na Bizimana Djihad mu gihe igitego cya Benin cyatsinzwe na Andréas William Edwin Hountondji.

Uyu mukino wari uwo kwishyura hagati y'amakipe yombi kuko tariki 11 Ukwakira 2024, Benin yari yatsinze u Rwanda ibitego 3-0, umukino wabereye kuri SitadeFelix Houphouet Boigny muri Cote d'Ivoire aho Benin yakirira imikino yayo.

Muri iri tsinda, ikipe ya Nigeria yagomba gukina na Libya ariko umukino ntiwakinwa.

Imikino ya nyuma mu itsinda D biteganyijwe ko izabatariki 10 na 18 Ugushyingo 2024. Ikipe y'u Rwanda izakira Libya kuri Sitade Amahoro isoze ikina na Nigeria i Lagos.

Kugeza ubu, Nigeria irayoboye n'amanota 7, ikurikiwe na Benin n'amanota 6, u Rwanda ku mwanya wa 3 n'amanota 5 naho Libya ku mwanya wa 4 n'inota 1.











| # ▲ | GROUP D | MP | W | D | L | G | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Nigeria | 3 | 2 | 1 | 0 | 4:0 | 4 | 7 |
| 2. | Benin | 4 | 2 | 0 | 2 | 6:6 | 0 | 6 |
| 3. | Rwanda | 4 | 1 | 2 | 1 | 3:5 | -2 | 5 |
| 4. | Libya | 3 | 0 | 1 | 2 | 2:4 | -2 | 1 |

## **Basketball :** REG BBC yegukanye igikombe cya shampiyona mu bagore

Tariki 11 Ukwakira 2024 ni bwo hasojwe umwaka w'imikino muri Basketball mu cyiciro cy'abagore aho ikipe ya REG BBC yegukanye igikombe itsinze APR BBC muri "Playoffs" imikino 4-0.

Iyi mikino 4 yose yabereye muri Petit Stade Amahoro i Remera, umukino wa nyuma wa 4 wabaye tariki 11 Ukwakira 2024, ikipe ya REG BBC yatsinze APR BBC amanota 71 kuri 63.

Izi kipe zombi zari zageze ku mukino wa nyuma wa "Playoffs" nyuma yo kwitwara neza muri ½ aho REG BBC yatsinze Kepler BBC imikino 3-0 naho APR BBC isezerera GS Marie Reine Rwaza iyitsinze imikino 3-0.

Ikipe ya Kepler BBC yegukanye umwanya wa 3 itsinze GS Marie Reine Rwaza imikino 2-0 (82-68 na 74-47).

Ikipe ya REG BBC na APR BBC zizahagarira u Rwanda mikino y'Akarere ka 5 yo gushaka itike y'imikino y'Afurika "2024 Africa Women Basketball League (AWBL)-Zone 5 Qualifiers" izabera muri Zanzibar kuva tariki 27 Ukwakira kugeza 02 Ugushyingo 2024.

**Uko imikino ya "Playoffs" yagenze**

**Tariki 04-10-2024**
- REG BBC **68-67** APR BBC

**Tariki 06-10-2024**
- APR BBC **51-76** REG BBC

**Tariki 09-10-2024**
- REG BBC **82-66** APR BBC

**Tariki 11-10-2024**
- APR BBC 63-71 REG BBC





## **Cycling :** Perezida wa UCI yasuye u Rwanda

Tariki 11 Ukwakira 2024, Perezida w'ishyirahamwe ry'umukino w'amagare ku Isi "UCI", David Lappartient yagiriye uruzinduko mu Rwanda aho yakiriwe na Minisitiri wa Siporo "MINISPORTS", Nyirishema Richard, Umunyamabanga Uhoraho, Mukazayire Nelly ndetse na Perezida w'ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY", Ndayishimiye Samson, OLY.

Aba bayobozi bagiranye ibiganiro byibanze ahanini ku myiteguro yo kwakira shampiyona y'Isi "UCI Road World Championships 2025" izabera i Kigali tariki 21 kugeza 28 Nzeri 2025.







## **Football :** Abana 10 baserukiye u Rwanda mu irushanwa ritegurwa na FC Bayern Munich

Abana 10 bari munsi y'imyaka 16 baserukiye u Rwanda mu mikino itegurwa n'ikipe ya FC Bayern Munich mu Budage "FC Bayern Youth Cup World Final 2024".

Iri rushanwa ryatangiye tariki 18 rikazasozwa 20 Ukwakira 2024, rikabera kuri Adi-Dassler Stadium mu Mujyi wa Herzogenaurach ryitabiriwe n'ibihugu 6 ari byo u Rwanda, USA, Mexico, Nigeria, Argentina, India na Korea.

Ikipe yaserukiye u Rwanda yahagarutse i Kigali, tariki 11 Ukwira 2024 aho yari igizwe n'abana 10 ari bo Ngomayikizungu Amani, Ishimwe Fred, Nsengiyumva Alpha, Ishimwe Prince Alonso, Nshimiyimana Obed, Cyuzuzo Isiaka, Ishimwe Elie, Niyongabo Patrick, Niyonzima Muhudi na Ishimwe Djibril.

Iri rushanwa rizafasha aba bana kugaragaza impano zabo ndetse banigaragarize abatoza bakomeye n'abashinzwe gukurikirana abakinnyi bafite impano.

Aba bana batoranyijwe nyuma y'irushanwa ryahuje abasaga 100 bari baturutse mu bice bitandukanye by'igihugu.

Iyi ni inshuro ya kabiri u Rwanda rwitabiriye iyi mikino kuko muri 2023 rwasoreje ku mwanya wa 5. Ibi bikaba byarabaye nyuma y'aho muri Kanama 2023, ikipe ya FC Bayern Munich yagiranye amasezerano y'imyaka 5 na RDB yo kuzamura ubukerarugendo binyuze muri gahunda ya "Visit Rwanda".






## **Rugby :** Ibikorwa by'umushinga "Get into Rugby 2.0" birakomeje

Ishyirahamwe ry'umukino wa Rugby mu Rwanda "RRF" ku nkunga y'ishyirahamwe ry'umukino wa Rugby ku Isi "World Rugby" ryatangije umushinga "Get into Rugby 2.0" ugamije guteza imbere uyu mukino binyuze mu mashuri.

Uyu mushinga bitaganyijwe ko uzakorerwa mu bigo by'amashuri 11 yo mu turere 10 mu bice bitandukanye by'igihugu mu gihe cy'ibyumweru 10.

Abatoza 22 bari kumwe n'abayobozi ba RRF buri cyumweru bajya muri ibi bigo by'amashuri byatoranyijwe bagatoza abana iby'ibanze kuri uyu mukino wa Rugby.

Imyitozo y'icyumweru cya mbere yabaye tariki 05 na 06 Ukwakira 2024, imyitozo y'icyumweru cya kabiri iba tariki 12 na 13 Ukwakira 2024. Biteganyijwe ko tariki 19 na 20 Ukwakira 2024 hazaba imyitozo y'icyumweru cya gatatu.

Ibigo by'amashuri uyu mushinga watangiriyemo ndetse n'uturere biherereyemo, hari Lycée de Kigali (Nyarugenge), Kayenzi TSS (Kamonyi), GS Shyogwe (Muhanga), Gitisi TSS (Ruhango), Nyanza Technical School (Nyanza), GSO Butare (Huye), Centre of Champions TVET (Rwamagana), ES Musanze (Musanze), TTC Kirambo (Burera), ES Bugarama na TTC Mururu (Rusizi).

Biteganyijwe ko ubwo hazaba hasozwa uyu mushinga ibi bigo bizakina mu byiciro byombi, abakobwa n'abahungu. Kugeza ubu abamaze gutoza muri ibi bigo ni 1013 barimo abahungu 712 n'abakobwa 301.





## **Football :** Amavubi U-20 yaviriyemo mu majonjora muri CECAFA 2024

Tariki 15 Ukwakira 2024 ni bwo ikipe y'u Rwanda "Amavubi" mu batarengeje imyaka 20 mu bahungu yakinnye umukino wa nyuma mu itsinda A mu mikino y'Akarere k'Afurika y'Iburasizazuba mu rwego rwo gushaka itike y'imikino y'Afurika "U-20 AFCON CECAFA Qualifiers 2024".

Iyi kipe y'u Rwanda ntabwo yabashije kurenga imikino y'ijonjora aho yari mu itsinda A hamwe na Sudan, Kenya, Tanzania na Djibouti. Muri iyi mikino, Amavubi yatsinzwe na Sudan igitego 1-0 ndetse na Tanzania ibitego 3-0, anganya na Kenya 0-0 asoza atsinda Djibouti ibitego 5-1. Muri iri tsinda ikipe ya Kenya na Tanzania ni zo zakomeje muri ½ cy'irangiza naho Sudani, u Rwanda na Djibouti zirasezererwa.

Iyi mikino ya CECAFA yatangiye tariki 06 Ukwakira 2024 biteganyijwe ko izasoza tariki 20 Ukwakira 2024 aho amakipe abiri ya mbere azaserukira aka Karere ku mikino y'Afurika "U-20 AFCON 2025".





## **Cycling :** Habaye umunsi wa 10 wa shampiyona y'igihugu mu bakiri bato

Tariki 13 Ukwakira 2024, i Nyamata mu Karere ka Bugesera habereye umunsi wa 10 wa shampiyona y'abakiri bato muri uyu mwaka w'imikino wa 2024 "Youth Racing Cup 2024". Iyi shampiyona yitabiriwe n'abana bafite hagati y'imyaka 11 na 19.

**Uko isiganwa ryagenze**

**Mu bahungu**

- **Boys U-11**

**1.** David Zaneth
**2.** Happy Joshua Ineza
**3.** Niyomugabo Abdulkarim

- Boys U-13

**1.** Sano Francis
**2.** Munyaneza Gentil
**3.** Kwizera Eric

- Boys U-15

**1.** Intwali Reponse
**2.** Habumuremyi Cyusa
**3.** Nyamuberwa Christian

- **Boys U-17**

**1.** Gisubizo Issa
**2.** Ishimwe Brian
**3.** Rafiki Jonathan

- **Men Juniors (U-19)**

**1.** Manizabayo Jean de Dieu
**2.** Byusa Pacifique
**3.** Kwizera Thank You

**Mu bakobwa**

- **Girls U-11**

**1.** Uwamahoro Françoise
**2.** Igiraneza Ogirah
**3.** Uwase Denise

- **Girls U-13**

**1.** Umutoniwase Illuminatha
**2.** Umurerwa Kenia

- **Girls U-15**

**1.** Niyibizi Joy
**2.** Uwamahoro Sandrine
**3.** Shimo Chretienne

- **Girls U-17**

**1.** Ishimwe Cynthia
**2.** Irasetsa Amina
**3.** Ingabire Divine

- **Women Juniors (U-19)**

**1.** Umutoni Sandrine
**2.** Mutoniwase Beatha
**3.** Umuhoza Josiane





## **Volleyball :** APR VC yegukanye "Nyerere Cup 2024" mu bagore n'abagabo

Tariki 10 kugezza 14 Ukwakira 2024, mu Mujyi wa Moshi muri Tanzania habereye irushanwa mpuzamahanga ngarukamwaka ry'umukino wo Volleyball ryo kwibuka uwari Perezida wa Tanzania, Julius Nyerere "Nyerere Cup 2024".

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'amakipe atandukanye yari yavuye mu bihugu birimo Tanzania, Kenya, Uganda, u Burundi n'u Rwanda.

Mu bagabo, ikipe ya APR VC yo mu Rwanda yegukanye igikombe itsinze Rukinzo VC y'I Burundi amaseti 3-2 naho mu bagore APR VC yegukana igikombe itsinze Tanzania Prisons yo muri Tanzania amaseti 3-0.







## **Cricket :** Ikipe y'u Rwanda mu bagabo yatsinze Malawi imikino 3 kuri 2

Tariki 09 kugeza 13 Ukwakira 2024, ikipe y'u Rwanda mu bagaboyakinnye imikino 5 ya gicuti n'ikipe ya Malawi "Malawi Rwanda T20i Bilateral Series 2024".

Ikipe y'u Rwanda yitwaye neza yegukana igikombe itsinze imikino 3-2. Iyi mikino ikaba yarabaye mu rwego rwo gufasha ikipe y'u Rwanda kwitegura imikino yo gushaka itike y'igikombe cy'Isi "ICC men's T20 World Cup Sub-Regional Qualifiers B" irimo kubera i Nairobi muri Kenya kuva tariki 19 kugeza 24 Ukwakira 2024.

Amakipe 6 ni yo azakina iyi mikino yo gushaka itike y'igikombe cy'Isi ari yo Zimbabwe, Gambia, Mozambique, u Rwanda, Seychelles na Kenya. Aya makipe azakina hagati yayo, ikipe 2 zitwaye neza zikomeze mu cyiciro cya nyuma cy'imikino yo gushaka itike izaba muri 2025 "ICC Men's T20 World Cup Africa Regional Qualifier 2025" aho amakipe abiri azitwara neza azabona itike y'igikombe cy'Isi kizabera muri India na Sri Lanka muri Gashyantare na Werurwe 2026.






## **Goalball :** Hatangiye umwaka wa shampiyona 2024-2025

Tariki 12 na 13 Ukwakira 2024, muri Salle ya NPC-Rwanda i Remera habereye imikino y'umunsi wa mbere wa shampiyona y'umukino wa Goalball "Goalball Championship 2024-2025".

Iyi mikino yitabiriwe n'amakipe 15 mu bagabo na 9 mu bagore. Imikino y'umunsi wa kabiri izabera mu Karere ka Huye, tariki 07 na 08 Ukuboza 2024.

**Uko imikino yagenze**


2024-2025 GOALBALL CHAMPIONSHIP

PHASE ONE | RESULTS

NPC Rwanda Gymnasium

MEN

| | | |
|---|---|---|
| UR RUKARA | 3-13 | NGORORERO |
| GISAGARA | 15-6 | NGOMA |
| RWAMAGANA | 7-6 | UR NYAGATARE |
| NYAMASHEKE | 1-6 | KIREHE |
| UR HUYE | 10-7 | RUSIZI |
| NYANZA | 2-12 | MUSANZE |
| NGORORERO | 4-12 | GISAGARA |
| NGOMA | 3-13 | MUSANZE |
| UR NYAGATARE | 11-1 | NYANZA |
| KIREHE | 11-6 | UR HUYE |
| RWAMAGANA | 14-6 | RUSIZI |
| NYAMASHEKE | 3-7 | NGORORERO |
| MUSANZE | 3-10 | GISAGARA |

WOMEN

| | | |
|---|---|---|
| UR NYAGATARE | 3-13 | MUSANZE |
| NGORORERO | 8-1 | UR RUKARA |
| RUBAVU | 11-1 | UR HUYE |
| NYAMAGABE | 3-7 | RWAMAGANA |
| RUBAVU | 7-4 | NYAMAGABE |
| UR HUYE | 14-9 | UR RUKARA |
| MUSANZE | 6-6 | NYAGATARE |
| RWAMAGANA | 7-0 | UR HUYE |

@npcrwanda | NPCRWANDA | NPCRWANDA official





## **Cycling :** u Rwanda rwegukanye imidali 4 muri shampiyona y'Afurika

Tariki 09 kugeza 13 Ukwakira 2024, muri Kenya habereye shampiyona y'Afurika mu mukino wo gusiganwa ku magare "CAC Road Cycling African Championships 2024".

Muri iyi shampiyona, abakinnyi 22 mu byiciro bitandukanye ni bo bari baserukiye u Rwanda aho bashoboye kwegukana imidali 4 harimo umwe wa zahabu, umwe wa Feza n'indi ibiri y'Umulinga.

Umudali wa zahabu wegukanwe n'ikipe y'u Rwanda yakinnye mu cyiciro cy'abakina bavanze, abahungu n'abakobwa "Mixed Relay", aho ikipe y'u Rwanda yabaye iya mbere ikurikirwa na Eritrea naho ku mwanya wa 3 haza Ethiopia. Ikipe y'u Rwanda ari igizwe na Mugisha Moise, Masengesho Vainqueur, Tuyizere Etienne (Abahungu), Ingabire Diane, Nzayisenga Valentine na Mukashema Josiane (Abakobwa).

Umudali wa Feza wegukanwe na Mwamikazi Djazila mu cyiciro cyo gusiganwa mu muhanda mu batarengeje imyaka 23 "Women U-23 Road Race" naho imidali 2 y'Umulinga yegukanwe na Ingabire Diane muri "Women Elite Road Race" na Muhoza Eric muri "Men U-23 Road Race".









# **Volleyball :** Habaye amahugurwa y'abasifuzi mbere yo gutangira umwaka w'imikino 2024-2025

Tariki 12 na 13 Ukwakira 2024, kuri Solace Ministries Kacyiru habereye amahugurwa y'abasifuzi b'umukino wa Volleyball "Rwanda National Volleyball Referees Refresher Course".

Aya mahugurwa akaba yari yateguwe n'ishyirahamwe ry'abasifuzi ba Volleyball mu Rwanda "ARAVO" ku bufatanye na n'ishyirahamwe ry'umukino wa Volleyball mu Rwanda "FRVB" mu rwego kongera gukarishya ubumenyi bw'abasifuzi ku bijyanye n'amategeko y'umukino mbere yo gutangira umwaka w'imikino wa 2024-2025, tariki 18 na 19 Ukwakira 2024.

Abasifuzi 80 ni bo bitabiriye aya mahugurwa harimo abari ku rwego mpuzamahanga, abasanzwe basifura ndetse n'abagitangira uyu mwuga.

















RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave